INTEKO Y'UMUCO

RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# DUSIGASIRE UMURAGE W'U RWANDA

## IMIVUGO

2023

# DUSIGASIRE UMURAGE W'U RWANDA

## IMIVUGO

2023

© Inteko y'Umuco, 2023

Gishyizwe ku mugaragaro bwa mbere mu 2023.

Uburenganzira bwose burakomye.
Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rigenga umutungo bwite mu by'ubwenge.

**ISBN: 978-99977-0-438-2**

## ISHAKIRO


Ijambo ry'ibanze.......... 1

ABAHIRE Abdi Amedee, **Dusigasire umurage wacu**.......... 2

ABIJURU Josue, **Umurage nyarwanda**.......... 4

AKIMANA Marie Claire, **Ingoro ndangamurage, umurage w'ubuhanzi**.......... 6

CYIZERE Léoncie, **Umurage wacu tuwisunge**.......... 8

IDUHIRE Benithe Shalom, **Isoko yo kumenya umurage nyarwanda**.......... 10

IRAKOZE KEZA Fiona, **Impamba duca Gihanga** .......... 12

IRASUBIZA Bonheur Maurice, **Nsanga ziraga byinshi**.......... 14

KAMIKAZI GANZA Carine, **Ndate ndinde umurage wacu**.......... 16

NGABONZIZA Thomas, **Sugira usagambe murage mwiza**.......... 18

NIYIGENA Jacqueline, **Ingoro ndangamurage z'u Rwanda**.......... 20

NIYIGIRIMBABAZI Séraphine, **Umurage utanga umunezero**.......... 22

NYIRAHABUHAZI Solange, **Umurage isimbi ntasimburwa**.......... 24

SEZERANO Ruth, **Umurage w'urukundo**.......... 26

UMUGWANEZA Sylvie, **Ingoro ndangamurage z'u Rwanda**.......... 28

UZAYISENGA Sophie, **Ingobyi iduhets**.......... 31

Umusozo.......... 33

# IJAMBO RY'IBANZE

Inteko y'Umuco ifite intego nkuru yo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, Umuco n'Umurage by'u Rwanda. Muri uwo murage, Ikinyarwanda nk'ururimi rw'Igihugu rukaba n'ingobyi y'umuco gifite umwanya ntagereranywa. Ni ngombwa ko ababyiruka batozwa gukoresha Ikinyarwanda kiboneye binyuze mu ngeri zitandukanye by'umwihariko iy'ubusizi.

*Iki gitabo Dusigasire umurage w'u Rwanda gikubiyemo ibihangano by'imivugo bikaba ari umusaruro wavuye mu marushanwa y'urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro rwiyumvisemo impano yo gutanga umusanzu warwo wo kubungabunga Ikinyarwanda binyuze mu nganzo y'ubusizi. Bahanze ku nsanganyamatsiko igira iti:* ***"Uruhare rw'Ingoro ndangamurage z'u Rwanda mu gusigasira no kumenyekanisha umurage nyarwanda".***

Imivugo 15 ikubiye muri iki gitabo ni iyahize iyindi muri mirongo inani n'itanu (85) yakiriwe mu irushanwa. Abanyeshuri bahize abandi ni abo mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro akurkira: FAWE Girls' School (2), G.S Kayumbu/TSS (1), ES Kabirizi, (1) G.S Rebero (2), G.S Shaki (1), IPRC Karongi (1), Benebikira TSS (1), College du Christ-Roi (1), G.S ST Joseph Nyamasheke (1). College de Rebero (1), G.S Ruyanza/TSS (1), G.S Runda Isonga (1), GS Saint BEDE Rwagihura (1).

Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco n'umurage by'u Rwanda, kigomba kubungabungwa, kigahabwa agaciro cyane cyane mu bakiri bato kugira ngo bamenyere kugikoresha mu buryo buboneye. Bumwe mu buryo bwo kubibatoza ni ukubaha amahirwe yo kugaragaza impano zabo binyuze mu marushanwa atandukanye. Ni inzira kandi yo guteza imbere ubuhanzi mu rubyiruko.

Inteko y'Umuco ifite gahunda yo gukomeza gukoresha amarushanwa y'urubyiruko n'ay'abakuze mu Kinyarwanda, kugira ngo irusheho gushishikariza Abanyarwanda kugira ishema ryo gukoresha neza ururimi kavukire rw'Ikinyarwanda no guteza imbere ubuhanzi bwubakiye ku muco.

Inteko y'Umuco irashimira abantu bose bagize uruhare muri aya marushanwa. Aba mbere bashimirwa ni urubyiruko rwayitabiriye. Abandi bo gushimwa ni abarimu babigisha, abayobozi b'amashuri y'isumbuye n'ay'ubumenyi ngiro n'abandi bose baborohereje kuyitabira.

Uru ni urugero rwiza rwo guteza imbere Ikinyarwanda binyuze mu busizi. Rubyiruko, abato n'abakuze nimusogongere inganzo iganje y'urubyiruko rw'u Rwanda.

Amb. MASOZERA Robert

Intebe y'Inteko/ Inteko y'Umuco

Reka mbasangize ntababeshya
Mvuge ku byiza by'ah'iwacu
Sinshidikanya nsurusumba
Ndavuga ibyiza by'uru Rwanda
Ngobyi iduhetse ngeri y'abeza.

Uruzi ukuntu babisigasira
Ngo hato imungu zitabimunga
Ubwo abaturwanya bakatujora
N'abaduhiga bakadushoka
Batuvurunga ngo tube isayo.

Hariho ingoro zicunga ibyacu
Ngo bidasandagurika bwite
Ibyacu byiza bikaducika
Tukabihomba tubura ngombwa
Ngombwa cyane uwo ni gakondo.

Ni izo ndangamurage zacu
Zibika byinshi byahabanje
Iyo mu masekuruza y'iwacu
Bikaba impuzankano iduhuza
Nk'Abanyarwanda mu rwa Gihanga.

Izo ngoro kandi ni zo dukesha
Kumenya ibyiza bya gakondo
Kuko zibumbatiye iyo ngenzi
Yo ikaba akagozi ka bugingo
Kabuza u Rwanda kwa kuganda.

Ngo maze u Rwanda rube ubukombe
Abanyamahanga banarukunde
Bagire inyota yo kudisanga
Ku bw'amateka ateye amatsiko
Basome ibyacu banabibwirwe.

Ibitabo byiza by'Ikinyarwanda
Bibamo byinshi mu Kinyarwanda
Bibahugura kumenya u Rwanda
Birimo inganzo y'Abanyarwanda
Ijya ibaneza bari mu Rwanda.

Izo ngoro zacu zivuze byinshi
Kuko zibitse ibya mirenge
Byuje umwihariko w'u Rwanda
Ngo hato cyane bitaba umwanda
N'Abanyarwanda babura injyana.

Nararugenze mbura ibyo nenga
Ku bw'ubutwari bw'Abanyarwanda
Bwabateye wa muganda
Wo gutabara bakiza u Rwanda
Ibyona n'ibyonona bije.

Birabatera barabitera
Barabitsinda bibura ingendo
Haba amateka avuga ibi ngibi
Abitse neza mu ngoro zacu
Nakurangira kuzisura.

Abazicunga na bo ni beza
Ngo babisangize abazisanga
Uwo mugenzo rwose uhwitse
Bawutojwe nk'Abanyarwanda
Ngo abazisura bashire amerwe.

Habamo ibintu bitangaje
Bifite ubwiza ntarondorwa
Bimaze imyaka myinshi cyane
Bakibisigasira ngo birambe
Dore ko byinjiza n'ubukungu.

Ibwotamasimbi ubwo iyo babyumva
Barahirimbana babikunze
Bakadusanga mu mirwi myiza
Ngo barashaka ubwo kuba nkatwe
Maze gutaha ntibabikunde.

Cyakoze natwe ntitubaheza
Tukabayamba n'umuco mwiza
Tubaha ikaze bakabikunda
Maze n'amahoro yo kukabahaza
Bagasagamba bafite ituze.

N'Abanyarwanda ariko ni ngombwa
Biranasanzwe babaho neza
Aka wa mugani w'Ikinyarwada
Ko ayo magana tutayagurana
Amagara yabo bahenebera.

Rwa rukundo rwa Gihanga
Yarudusigiye nk'ikirango
Cyo gusobanura Umunyarwanda
Turarusangira tubikunze
Rukaba ikibatsi muri rubanda.

Ikinyarwanda cyo karamba
Kimwe tubwirwa cyo kuturanga
Ubwo mperutse epfo mu Rukari
Batubwiye ko kiba impamba
N'inyicumbo yo ku rugendo.

Mbona yo inyambo nziza cyane
Ziharagiririrwa byo kuzicunga
Mbona n'inkindi zifite ubwiza
Ndetse n'imishanana yo kurimba
Maze ngo abambaya base neza.

Bitaba nka bimwe by'uyu munsi
Biva imahanga byuje inenge
Bikojeje isoni ku babitunze
Ndavuga imyambaro imwe idahwitse
Nzira ko u Rwanda rwayitunga.

Reka ubu nsoze ariko ntashoje
Sinagenda ntabisubiyemo
Ngira nti: "Izo ngoro ndangamurage
Nimufate tuzibungabunge
Kuko zitera u Rwanda kwanda."

**ABAHIRE Abdi Amedee.**

Umurage nyarwanda
Inshoza y'Abanyarwanda
Amateka y'u Rwanda
Umuco nyarwanda
Inkingi y'u Rwanda.

Kuva hambere
Ikami ari ikambere
Umurage nyarwanda
Wari ufite igicumbi
Ingoro ndangamurage
Inkingi y'u Rwanda.

Uhasanga amateka uruvange
Udasize ay'urugamba
Intwari zirwanira urwacu
Ingoro ndangamurage
Ikebura urubyiruko
Rugasubirana amateka

Igatsura umuco mu urubyiruko
Ikadukundisha intwari zikiriho
Ndetse ikatwibutsa intwari
Zasize iby'ubutwari.

Aho ndasiga umwamikazi
Uheruka ingoma y'u Rwanda
Ingoro yari acumbitsemo
Ubu ni imwe mu ndangamurage
Ibumbatiye byinshi by'umuco.

Benimana ba Kanyarwanda
Cyo nimugane iyo ngirakamaro
Muragwe umurage nyarwanda
Bityo twunguke abaraga
Umurage nyarwanda
Uzire icyawuhutaza
Ugume usigasirwe.

Mu mamurika muwumurike
Mu mahanga muwuserukane
Umurage nyarwanda
Muwumurikire isanzure
Ibyo byose tubikesha
Ingoro ndangamurage.

Ihera kubagita umutsima
Bakarenga ubuto baraga
Urumva iyo ngirakamaro?
Iyo utoje umwana
Bingana no kurema umuryango
Uzi amateka by'iteka.

Nanjye ibi ndabizi
Umunsi ngana kuragwa
Mbikesha ingoro ndangamurage
Yamvubuyemo isiga
Nasiga bagakoma amashyi
urufaya

Bati: "igihagararo ni muto
Ubwana buramusumba
Muri make yata umutsima
Aya magambo ayakura he?"

Nti: "Mwahishwe iwacu
Nyabuna ay'iwacu araryoha
Uku mundeba ndi umwe
Sinigeze sogokuru
Ibi nsiga ngasingizwa
Mbikesha inzu ndangamurage."

Bati: "Urasiga udutsimba
Turabaza iridutsinda
Uwo ukomoraho kudutsinda
Uravuga tukirahira
Amateka y'u Rwanda

Uyasumbya abakambwe
Kandi ukiri ikibondo rwose!"
Nti: "Mbikesha
Ingoro ndangamurage
Nasanze ibitse umurage
Ndayigana ndisanga

Mpasanga inararibonye
Bansogongeza igika
Bampa ubwigenge
Ninjiramo mu mbere
Mpasanga ibyo hambere."

Ni ko kuvubukamo uyu
Nyamara ngita umutsima
Aho nserutse hose
Nserukira u Rwanda.
Umwanya muto mpawe
Nsiga Rwanda bugacya bukira
Nkitsa ntanyuzwe
Ibyo mwumva nsiga byose
Mbikesha ingoro ndangamurage!

Ngaho nimusigasire
Ingoro ndangamurage
Kuko ni imwe mubisigaye
Bibitse umurage nyarwanda
Byaragwa urubyiruko
Bityo tukunguka abaraga.
Ingoro ndangamurage
Ni igicumbi cy'ingenzi
Gisigasira umurage nyarwanda
Ngo hato utazacika.

**ABIJURU Josue**

Mumpe umwanya nge mu nganzo
Iteka iganza ibyanganza
Ngahuza ibiganza n'abahanga
Duhuriye ku ngoro zibitse
ubuhanga
Kurya twabirazwe na Gihanga.

Ingoro ndangamurage zacu
Ni umurage twarazwe n'abacu
Zitubikiye amateka yacu
Y'abatubereye intwari iwacu
Zatwaranaga n'aho rukomeye
Maze amahoro ataha i Rwanda.

Si ibanga nibijye hanze
Nimwirebere Igihugu cyacu
Kizira icyasha n'ikizinga
Kizira amahari n'amahane
Tukabikesha intwari izirusha
intambwe
Akaba ari Kagame Paul
Wari uyoboye urugamba
Rwo kubohora Igihugu.

Amakuru meza nk'ayo
Nta handi wayasanga
Nyarukira aho i Gicumbi
Ku gicumbi cy'intwari
Wimenyere amateka yacu
Azira ico rwose.

Ingoro ndangamurage z'i Rwanda
Zibitse amateka menshi
Iteka adutoza kwanda
Duharanira guca umwanda
Maze u Rwanda rukaberwa
Iteka rugahora rugendwa.

Izo ngoro kandi
Zibitse ubuhanga buhanitse
Budufasha kumenya byinshi
Bikadufasha mu guhanga
Ibihangano by'ubuhanga
Bimwe bishimwa n'abahanga
Ubugeni n'ubuhanzi by'i Rwanda
Bikaganza iyo mu mahanga
Intsinzi igataha iwacu.

Erega isuku igira isoko
Uwasuye Kicukiro wese
Ingoro y'ubugeni n'ubuhanzi
Ahungukira byinshi
Kuko iyo ngoro ibitse iby'ingenzi
Bituma umuco wacu udacuyuka
Ikagira uruhare rukomeye
Mu kwimakaza umurage
nyarwanda.

Ariko kandi igihugu
nticyakungahara
Ngo cyimakaze umuco wacyo
Igihe abagituye batifite.
Munyemerere nsimbukire aho i
Nyanza
Mbakumbuze Ingoro yo Kwigira
Ikwiye abayikunda
By'umwihariko Abanyarwanda
Baharanira kwigira muri byose.

Uwayisuye ntasabiriza
Ahora yishakamo ibisubizo
Bikanshimisha kurushaho
Iyo ntekereje ibyiza by'u Rwanda
Ngakoma agatima shenge
Ku ngoro nziza cyane

Ibitse amateka y'abami
Adukumbuza iyo hambere
Tukimenyera byinshi
Byarangaga Abanyarwanda.

Ntitwakwirengagiza kandi
Inyambo nziza cyane uhasanga
Uwahageze ntiyifuza gutaha.
Mbibutsa ko aho nta handi
Ari i Nyanza mu Rukari.

Igerere aho Nyarugenge
Wirebere ingoro yitiriwe
RichardKandt
Uramenya byinshi ku byaranze
ubukoroni.

Sinakwibagirwa kandi
Ingoro izihatse zose
Iherereye aho i Huye
Urahamenyera byinshi
Ku mibereho y'Abanyarwnda.

Izo ngoro zose rero
Zikurura ba mukerarugendo
Amadovize akisukiranya
Natwe tukazisura tugasusuruka.

**AKIMANA Marie Claire**

Nkomeje kwemeza mu nganzo
Mvuga amabanga amabara yose
Nashize amanga mpange mpuze
Mpuze ab'impanda impande zombi
Iby'ingoro ndangamurage tuzi
Zifasha wa muco ngo udacika.

Mpanitse mpimba mpinga impinga
Umurage wigabe mu batoya
Ngume dushungure mu nganzo
Ndeke amagambo mbikore ndebe
Umurage kimeza banyarwanda
Udaca bicika bica amarenga.

Aya mateka mvuga ndirimba
N'amazu meza ari nyaburanga
Kuyaririmba birizihira
N'abatahazi bamenya ibyaho
Ahantu ndangamurage hazwi
Hafashe imbundo y'abanyarwanda.

Tugira indangamurage nziza
Iza ku isonga y'ingoro zindi
Ituye Huye ni mu majyepfo
Inani icyenda nibwo yatashywe
Imaze gutakwa amabara meza
Tuvuza impundu amashyi urufaya.

Niho dusanga nk'ibikoresho
Ibi by'ubuhanzi bw'abanyarwanda
Amashusho meza y'ibya kera
Ndetse n'ibyasigaye amatongo
Ibiti bibajijanye ubuhanga
Ni ho dusura tukabisanga.

Cyo tembera ujya mu Rukali
Aho ni i Nyanza ku misiyoni.
Mu birometero bike cyane
Uturutse rwose Kigali Rwanda
Uhagera byoroshye kuhagenda
Dore imihanda igerayo bwangu.

Uhabona inyambo inyana z'inyamibwa
Zikaba icyubahiro cy'i Bwami
Zigira umwiyereko gakondo
Zigira umwihariko w'iwacu
Akarasisi kanyuze ijisho
N'ishema ryose ryo mu Rukali

N'ibikoresho bya gakondo
Ngizo imbehe z'aba kera
N'ingasire n'urusyo rwayo
Cya gisabo cyo mu bacunda
N'inkongoro y'amata yera
Hari n'ibyansi bimwe bibaje.

Mbese wabonye ibigega byaho
N'ikidasesa biboshye neza?
Isekuru cyangwa uhabona intango
Twa tubindi tw'inzoga nziza
Zimwe ziryoshye bakabya cyane
Tumwe bahimba iminoga n'ubu!

No mu gitaramo ntibatanzwe
Abazi ibyivugo n'amahamba
Uzahasanga amacumu imyambi
Imbugita benshi bita inkota
Intwaro zose zo ku rugamba
Ingabo n'umuheto by'ingangare.

Hari na ya ngoro y'abahanzi
N'abanyabugeni b'ingeri zose
Iyitwa kwigira ntimuyizi?
Na yo iba i Nyanza mu Majyepfo
Ikanaba nziza igira uburanga
No mu buhanga ikoranye
ubwenge.

Hari n'izindi hirya hino
Zivuga ibyahise n'amateka
Mbere ya cyami na nyuma yabwo
Ivuga amateka ya jenoside
Yo kubohora igihugu uRwanda
Iba mu Nteko ku kimihurura.
Izo ngoro zose zifasha cyane
Umurage kimeza wa gakondo
Ubungabungwa n'abanyarwanda.

**CYIZERE Léoncie**

Nteruye intero inteye ubwuzu
Bwuje ubwema iwacu i Rwanda
Nkomeze ubwenge maze mbe intwari
Intero yanjye itsinde ubugwari
Isagambe isesekaza Ubunyarwanda.

Ubwira bwanjye buzira ubwoba
Bugwizwa cyane n'inganzo iganje
Ituma ndatuza ngahita ntobora
Mpagaze bwuma ngahamya neza
Isoko yo kumenya umurage nyarwanda.

Navuye i Muganza nyuze i Buganza
Ngamije cyane kugera i Nyanza
Mba nyuze i Huye mpabona byinshi
Biranga Abanyarwanda kuva bahanzwe
Amateka yacu aho arahaganje.

Nkubise amaso nk'aho hirya
Mpabona iminega yuje ubwiza
Aranga urugamba rw'Abanyarwanda
Aranga umurava w'Abanyarwanda
Umurage mwiza w'Abanyarwanda.

Ninjiye ntuje ngera no hirya
Mpabona inkanda nziza cyane
Mbona n'impuzu ziteye ubwuzu
Mpabona byinshi menya amateka
Nsobanurirwa umurage nyarwanda.

Isimbi risobetse isura y'u Rwanda
Ribumbatiye umuco nyarwanda
Ritatse ubwiza bw'Abanyarwanda
Riranga cyane umurage nyarwanda
Ndavuga ingoro y'ubugeni n'ubuhanzi.

Ubwo nari ngeze n'i Kanombe
Bwirwa byinshi byiza cyane
Menya amateka ntaramye cyane
Mbona ubuhanzi bwAabanyarwanda
N'ubugeni bwabo buzira icyasha.

Kutamenya rwose ubwo mbita aho
Cyo duhaguruke dusige intaho
Dusigasire umurage nyarwanda
Dusure cyane ingoro z'u Rwanda
Tumenye cyane amateka yarwo.

Nkubito z'ibyeza ntimugatuze
Mube ku ruhembe mumenye u Rwanda
Ngabo z'u Rwanda basore beza
Ntimugatinde mugere i Nyanza
Mumenye byinshi ku bibareba.

Dore n'abacu bari i Mahanga
Ndetse n'abaho bazi iwacu
Bamenya amateka y'Abanyarwanda
Ndetse n'umurage w'Abanyarwanda
Iyo basuye ingoro z'u Rwanda.

Kuva umuseke utambitse i
Rwanda
Kugeza umunsi uciye ikibu
Umurage warwo urasakara
Umurage warwo urasagamba
Ugasugirana isheja ryawo.

Abato b'i Rwanda bamenya u
Rwanda
Iyo batozwa umuco nyarwanda
Nk'Abanyarwanda beza b'ejo
Bamenya cyane umurage w'u
Rwanda
Iyo basuye ingoro z'umurage
warwo.

Babyeyi beza barerera u Rwanda
Isoko nziza isobetse ibyiza
Iri mu ngoro z'umurage
nyarwanda
Mutoze abanyu batore rwose
Kuzisura cyane bamenye urwabo.

Nshoje nkomeje mu ruhando
Mbwire bose mu rugendo
Isoko nziza y'ubunyarwanda
Bukomejwe n'umurage
nyarwanda
Uri ku isonga mu kurutaka.

**IDUHIRE Benithe Shalom**

Ngaha Rugira angabiye inganzo
Ngo nshire impumu mfate iri jambo
Rurema ampaye gushira amanga
Ngo nshananishe nzira igihunga
Ngo mvuge impamba duca Gihanga.

Mureke nshime Nyirubuhanga
Warukunze ubwo akiruhanga
Ararusiga aranarutaka
Aruha abakuru bazira icyasha
Barudutamika ruzira ikashi.

Yarabahanze bazira inenge
Ubwo baratunga bagira ubwenge
Baradutoza ubwo duca akenge
Tunyura ibwangavu n'ibugimbi
Umurage wabo ubu ni yo nkingi.

Ngiyi mpamvu nsiga ngahanga
Nsiga uyu murage utugira ihanga
Ukanaba ipfundo ry'ibituranga
N'ingoro zawo aho tuwusanga
Uruhare rwazo ntiturujora.

Ibyo tubakesha bigabye ukwinshi
Ururimi rwiza runyuze abarwo
Umuco udacuyuka utugira ukwacu
Ni na yo mpamba duca Gihanga
Ikanaducagura mu mahanga.

Ngiyo impamvu tunabirinda
Ikinyarwanda tukagikunda
N'umuco mwiza tukawutora
Ibyo bifatika tukabijisha
Ngo bitazimira bikadutonda.

Ibyo tuvoma ingoma z'abami
Inka z'inyambo no ku ruhimbi
Ibyo bisabo hamwe n'ibyansi
Imbyino nziza zitaba henshi
Ibyo tubisanga aho mu Rukari.

Kuva na kera nk'Abanyarwanda
Tugira ibanga ryo kutaganda
Nubwo twanyuze mu bihanda
Umwete wacu ni wo muhanda
Utugeza aheza haduha kwanda!

Aho ku Rwesero  i Nyanza
Ni ho dusanga ingoro y'impamba
Iduha kwema tukanaramba
Ari yo kwigira kw'Abanyarwanda
Naho amage yaba ibamba.

Ingoro y'u Rwanda n'Abanyarwanda
Abarugenda n'abarusura
Amaramuko y'abarutuye
Iyo mibereho ikibaranga
Ibyo bijishe iyo mu Busanza.

Reka dutambike n'i Karongi
Aho dusanga ingeri z'urwunge
Ibidukikije bitubumbye
Binatubumbira uyu mubumbe
Ni byo iya mwamba biduha iramba.

Yaba inyamaswa izi z'imirindi
Inyoni nziza hamwe n'ibyondi
Ibiti byiza bimwe biranda
Ibizima byinshi bishira ahandi
Ingoro yabyo iba aho i Karongi.

Uru Rwanda ruhora rwanda
Rwananyuze ahabi hahanda
Rwuje intonganya n'amanyanga
Rucuze umwijima n'ibizinga
U Rwanda rwiza ruzira icyanga.

Ubwo Jenoside itubuza abacu
Ariko Inkotanyi z'amatwara
No ku rugamba ziba intaganzwa
Zinahagarika ayo marorerwa
Ayo mateka ubu ari Gasabo.

N'izo nshuke ziva imugongo
Iyo zisuye ingoro z'impamba
Ni ho zivoma umuco gakondo
N'ibituranga zikabikunda
Zikabitora zigasa u Rwanda.

Erega maye abanyamahanga
Ntibagisiba ino aha mu Rwanda
Aho bavoma iriba Gihanga
Bakanasura ingoro z'impamba
Bakadusangiza ayo mahumbi!

Bura bw'u Rwanda reka nkubwire
Ibi nkubwira si amabwire
Ikirezi twambaye ni cyo kera
Iyo turimbye kiratubera
Kikaducagura no mu bera.

**IRAKOZE Keza Fiona**

## NSANGA ZIRAGA BYINSHI!

Ingongo yemeye kunsura
Ndaje Rwanda umusizi wawe
Ndaje ntewe ishema n'ukuntu
Izi ngoro ndangamurage zawe
Zigira umwanya mu kumenyesha

Abagukomokaho n'amahanga
Umurage wawe dufite none.
Dore abazungu bava iyo ishyanga
Maze bakambuka ingeri ndende
Baje i Rwanda kurora ibyiza

Izo ngoro ndangamurage zawe
Zababikiye kuva kera
Kugeza n'ubu zibisigasira.
Uretse kandi n'abo bera
Bo kudupfunda ayo madovize

Ari n'abana b'Abanyarwanda
Ni zo bakuramo ayo mateka
Ndetse n'iyindi mirage myinshi
Yo mu bisekuru byabanje.
Ubu se mpere he ndondora

Umurage w'izi ngoro nyarwanda
Ko ndora nduzi ari akayabo?
Ndaje mpere mu by'amateka
Ubwo nkajya i Nyanza aho mu Rukari
Ingoro y'abami nkayitembera,

Nkavuga iby'iyo ngoma ya cyami
Ubwo ngasesengura iby'ubwiru
Nkavuga nk'iyo ngoma Karinga
Ariko nkarenga nkajya n'ahandi,
Aho mu mateka nkava imuzingo

Nubwo ntarushya nyahetura
Kuko ari menshi umurage wawe.
Nafashe akanya njya mu majyepfo
Njya mu Karere kitwa Huye
Mbonayo iyindi ngoro y'ingenzi

Irimo amateka y'Abanyarwanda
Mu by'imibereho yabaranze
Ndetse n'ibindi ibitse byinshi
Birimo umurage w'Abanyarwanda.
Hari uhererutse gutembera

Aho i Nyarugenge kwa Rishari (Richard)
Ndavuga Kanti (Kandt) wa muzungu,
Agaruka yizihiwe birenze
Kuko yaronse amakuru menshi
Avuga ibijyanye n'uwo mwera,

Abona ibikoko by'ingeri nyinshi
Iyi ngoro yuzuyemo amateka!
Hari n'iyindi ngoro nabwiwe
Iri i Gasobo ifite agaciro,
Igira ubukangurambaga bwiza

Ubu bwo kurwanya iyi Jenocide
Yakorewe Abatutsi mu Banyarwanda
Igihumbi kimwe Magana cyenda
Mirongo cyenda na kane rwose.
Hari n'iyindi ngoro y'ingenzi

Ibitse byinshi mu by'ubuhanzi
Idasize ubugeni bw'Abanyarwanda
Iri i Kanombe, ifite gahunda,
Igira gutanga umurage mwiza
Mu Banyarwanda babyiruka

Bagira umwanya wo kwitoza
Ubugeni bwiza bw'Abanyarwanda
Ndetse n'ikitwa ubuvanganzo.
Nageze i Karongi ndatangara
Iyo ngoro ndangamurage yaho

Y'ibidukikije, Abanyarwanda
Narayitembereje ndatinda
Nkunda ukuntu iraga rubanda
Umurage mwiza wo kubirinda.
Ingoro z'u Rwanda zo ni nyinshi

Hari n'iyindi ibarizwa i Nyanza
Ikaraga ukwigira Abanyarwanda
Maze bakigira bakaganza
Kuko ubwo bendeye ku mateka.
Sinasoza ntavuze iyindi

Ngoro y'ingenzi mw'uru Rwanda
Iri i Gicumbi yokagwira,
Iraga amateka avuga urugamba
Rwo kubohora igihugu cyacu.
Inganzo yanjye iba ngari cyane

Igihe kikanga kikaba iyanga
Izi ngoro ndangamurage zose
Ziraga byinshi mu Banyarwanda
Ndetse n'abandi bava imahanga
Mbaye nsubikiye ahangaha,

Zirakarindwa iteka ryose!

**IRASUBIZA Bonheur Maurice**

## NDATE, NDINDE UMURAGE WACU

Umurage wacu twe Abanyarwanda
Ni bwo bukungu buruta ubundi
Ukaba igicumbi cy'umuco wacu
Turawukenyera tukaberwa
Tuwiteye bikaba akarusho
Sugira sagamba murage wacu.

Umurage ndata aho turawuzi?
Ni uru Rwanda igihugu cyacu
Ni urukundo n'ubwitange
Ni ubutwari n'ubutabera
Ni ubuhanga ni n'ubuhanzi
Umurimo mwiza ukoranye
umwete
Abakurambere badutoje!

Niba ushaka kumenya byinshi
Ukiga neza ukanaminuza
Umurage wacu ukawusigura
Umuco wacu ukagucengera
Gana ibicumbi bidacumba
Ingoro ndangamurage zacu!

Nyaruka bwangu iyo mu majyepfo
Ingoro ya mbere iruta izindi
Umenye amateka y'Abanyarwanda
Abakurambere b'intwari
Umenye ubuhanga bwabaranze
Umurage mwiza uhiga amahanga!

Ntuharambirwe ngo utebuke
Ibete hirya iyo mu Rukari
Urebe neza Ingoro y'Abami
Wige neza iby'Abakoroni
Umurage wacu uwumenye cyane
Umuco nyarwanda uwutature.

Urabona inyambo ziteze neza
Urumva neza amazina y'inka
Umenye umutuzo
w'Abanyarwanda
Wumve neza iby'imiyoborere
N'ibikoresho bya gakondo
Njye ndawukunda umurage wacu!

Umurage mwiza w'Abanyarwanda
Ubitswe neza iwacu i Rwanda
Impande zose uranasigasiwe
Si mu majyepfo gusa nkubwira
Ngwino urebe umurwa w'u
Rwanda
Uriga byinshi ku muco wacu.

Kigali nziza itatse ibyiza
Iyo Nyarugenge igendwa neza
Ese aho ikomoka waba uhazi?
Ngwino usure ingoro y'umurage
Uramenya neza uko yanavutse,
Unamenye umwaduko
w'abazungu.

Umurwa kandi uwutembere
Urahasanga indi ngoro nziza
Ibitse neza umurage w'ubugeni
N'ubuhanzi tutasiga inyuma
Gushaka ibisubizo tudasabirije
Ari yo y'ubugeni n'ubuhanzi.

Urahasanga amashusho
ashamaje
Akoranye ubuhanga n'ubushishozi
Avuga neza iby'iwacu i Rwanda
Harimo ahangwa n'Abanyarwanda
Ab'imahanga bakayakunda
Urahasanga ayo biganye.

Ntiwizimbe mu murwa cyane
Zinduka werekeze i Gicumbi
Iyo mu Majyaruguru y'u Rwanda
Urahasanga indake nziza
Umenye amateka y'izo ntwari
Iz'amarere zimanye u Rwanda
Ubwo umurage wari uducitse!

Kebuka kandi hirya hino
Ibiti byiza bivamo n'imiti
Ingagi wumva z'amadovize
Imisozi myiza, ibibaya byera
Uziga ibyabyo ugeze i Karongi
Aho rirengera bugorobye
Mu ngoro nziza y'ibidukikije!

Ingoro ndangamurage wacu
Ni ibicumbi bidaca hirya
Ni amashuri ngeramo nkiga
Niba nawe ubyumva nkanjye
Ngwino untere ingabo mu bitugu
Turinde neza umurage wacu
Nibwo bukungu buruta byose!

**KAMIKAZI GANZA Carine**

Ngoro z' u Rwanda muri iz'ingenzi
Kuko muturindiye umurage wacu
Mukaba n'icyicaro cy'amateka
Mukaba impamvu ikurura abantu
Ndetse n' isoko ivamo ubukungu.

Murimo iy' uburiza bwazo zose
Itwibutsa imibereho y'
Abanyarwanda
Hakaba n'iy' amateka y' Ubukoroni
N'urusobe rw' ibinyabuzima
byinshi
Nk' inyamaswa n' ibyatsi gakondo.

Iby' amateka y'abami b' u Rwanda
Ibyo kwigira kwacu nk'
Abanyarwanda
Ubugeni n' ubuhanzi by'
Abanyarwanda
Kwibohora kwacu nk'
Abanyarwanda
Guhagarika Jenoside yakorewe
Abatutsi
Amateka yabyo yose ni mo
tuyasanga.

Ubugeni n'ubukorikori nyarwanda
Umuco gakondo w' Abanyarwanda
Indangagaciro zose z'
Ubanyarwanda
Ururimi rwacu rw' Ikinyarwanda
Byari mu nzira zo kuzimira byose
Maze niko guhaguruka
murakumira!

Ibikorwa byanyu ni indashyikirwa
Mwaratekereje murashishoza
Maze mutangira ubushakashatsi
Ngo mumurikire Abanyarwanda
Aho ga yemwe n'abanyamahanga
Ibyiza nteramatsiko by' u Rwanda.

Muco nyarwanda ntugacike
Ubitse ibyiza turusha abandi
Haba mu mbyino n'indirimbo
Indangagaciro na kirazira zose
Ibyo tubikesha ingoro z' u Rwanda.

Kinyarwanda rurimi rwiza,
Ngobyi iduhekeye umuco wacu
Ntugasaze, ntugaseserezwe
Sigasirwa rwose uhabwe agaciro
Nk' ako uhabwa n'ingoro zacu.

Burya amateka yacu aratwigisha
Kandi utazi iyo ava atamenya iyo
ajya
Ibyiza byakuranze nibishyigikirwe
Ibibi birimo tubijore bitwigishe
Ari na cyo uru rwego rurwanira
ishyaka
Ndavuga ingoro z'umurage z' u
Rwanda.

Muco nyarwanda, rurimi rwacu
Mateka yacu murage mwiza,
Nimubungwabungwe hirya no hino
Dukomeze tubarwanire ishyaka
cyane
Tutazaba aka ya suri isambira
byinshi...

Ngoro z' umurage w' u Rwanda
Mukomeze intego mukataze
Haba mu gucukumbura umurage wacu,
Haba mu kubungabunga ibyagezweho
Haba no kubimenyekanisha ku isi hose
Ibikorwa byanyu turabizi, turabishima.

Ngoro z' umurage w' u Rwanda,
Abari iyo mu mashuri murabasanga
Ibitangazamakuru bikifashishwa
Abanyarwanda twese ntawuhejwe
Tukamenya ibyo byiza ngo bitaducika.

Nimukomeze ishyaka n' ubutwari rero
Kuko ababashyigikiye twese turi benshi
Haba mu Rwanda no mu mahanga
Twubake urwa Gasabo rukomeze kwanda
Ruzahorane Imana ubuziraherezo!

**NGABONZIZA Thomas**

Nizisigasirwe ni iz'ikamazi
Akamaro kazo ntigashyikirwa
Ndavuga inzu ndangamurage zacu
Zinatubikiye ayo mateka
Nizisigasirwe zisagambe.

Utazi iyo ava ntamenya iyo ajya
Utazi aho ajya ntagerayo
Kuko aho ageze hose aba ari ho agiye
Ngombwa kwigira ku birenge by'abagiye
Ngo bidufashe kuzagera aho tugiye

Ngize nti: "Amateka yacu ni yo musingi
Wo gusigasirwa buri munsi
Ni na yo atwereka umuco wacu
Wa wundi uzira gucuya
Nasigasirwe n'asagambe."

Agahugu gataye umuco kaba agahuru
Ni na yo mpamvu nshima Igihugu cyacu
Ku bw'inzu ndangamurage nziza
Zisigasira urusobe rw'ayo mateka
Zinasobanura ibyadusoba!

Reka mbasangize zimwe muri izo
Mpere ku yo twasuye tugeze i Huye
Ikaba ku ruruhembe rwazo zose
Iyi ni yo igusangiza ya mateka
Y'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Nahabonye byinshi byo kubasingiza
Nahabonye amakarita mbona amafoto
Nabonye ibikoresho by'ubukorikori
Biranga ibyo abakurambere bakoraga
Uko bahingaga uko bahigaga!

Nasohotse nishimye kandi nyuzwe
N'ubwuzu nakiranywe aho nyuze hose
N'ibisobanuro bansangije bisobanutse
Ngo nanjye nzasobanurire abo nasize
Uko abakera babanaga badasobanya!

Nakomeje umuhanda w'umukara
Mu kanya nk'ako guhumbya mba ndi i Nyanza
Abo nsanze bati : "Va ku irembo jya mu gikari"
Ikaze aheza aha mu Rukari"
Umenye amategeko y'abarutwaye!

Nahabonye za nyambo nziza cyane
Mbura aho nkwirwa kubera ubwo bwiza
Mbona Musinga wanadusigiye u Rwanda
Rwagutse ruzira akanda
Mpita mpakunda ndanahatinda
Nafashe imodoka ngaruka mu murwa

Nikoza ku Gishushu ubwo nsoma inshyushyu
Nti: « Nta tegeko rimbuza kwinjira n'aha hantu »
Ndavuga mu Nteko Nshinga Amategeko
Mpabona ingoro y'amateka ya rwa rugamba

Urugamba mvuga ni urwa za ntwari
Zafashe intwaro zigatabara
Jenoside ubwo ugahagarikwa
Zikarokora abavuzwaga amahiri
Amahoro akaza imihoro igahora!

Inzu z'ingoro y'umurage zo ni nyinshi
Sinarenza ingohe ingoro ya Kanombe
Isigasira ubuhanzi ndetse n'ubugeni
Sinakwibagirwa n'iy'ibidukikije iri i Karongi
Mu mizi ya cya Kivu kivubura amahumbezi.

Inzu ndangamurage nizisigasirwe
Ni zo zitumenyesha ibya kera
Zitumenyesha umurage wacu
Ntibagiwe kandi n'umuco wacu
Ngo udacubangana tugahungabana!

Izo nzu zose nizisigasirwe
Zidahari natwe ntaho twasigara
Utwereka uko aba kera bagendanaga badasigana
Uko bakoranaga badasigana
Uko bahaga umuganda u Rwanda rwiza!

Ni ho dusanga inkuru z'abami
Barurasaniye bakanarwagura
Kuva Gasabo rurenga na Gatsibo
Rurenga Bumbogo rugera Kingogo
Rurenga A marangara ruguma kwanda

Ni ho dusanga na ya mateka
Y'Abanyarwanda azira amatiku
Ikindi kandi ni n'umutako
Utakira abarugenda uko runateye
Ndavuga urwateraga ntirunaterwe

Inzu ndangamurage nizisigasirwe
Zinasurwe zo rudasumbwa
Zo soko idakama ivuburira abato
Ngo n'ubwo ari bato bazakure bazira ububa gito
Ntibazabe gica bazace akenge!

Nizisigasirwe hirya no hino
Natwe urubyiruko tunazisure
Kugira ngo intego zacu tuzitegure
Tugendeye ku by'intwari zabanje
Igihugu gitembe amahoro aganje

Mureke rero mpine ndorere
Ntere intambwe igana umusozo
Nanzure nshenge kumwe nananzitse
Nti: "Muzirikane ya nzira nari naharuye
Yo gusigasira inzu ndangamurage zacu!"

**NIYIGENA Jacqueline**

Nteruye inganzo ndata ingoro
Nteye intambwe nsanga ingoro
Ngo ndate umurage
w'Abanyarwanda
Maze isi yose babyine intsinzi
Intsinzi nyayo ifite abarinzi.

Intsinzi intera kugana ingoro
Nkamenya ibiri muri iyo ngoro
Nkamenya umumaro w'iyo ngoro
Nkawubwira bamwe mu batawuzi
Maze abatuye isi bose bakayisura.

Uruhare rw'ingoro ndangamurage
z'u Rwanda
Ni intsinzi ndata none mu Rwanda
Ni umurage uduha urukundo
nyarwanda
Ukadutoza uburere bwiza
nyarwanda
Bwuje ubwenge butigwizaho.

Umurage utanga umunezero mu
Banyarwanda
Umurage turagwa n'udukunda
cyane
Umubyeyi utagira uko asa
Igihugu cyacu dushima cyane
Dukesha uburere bwiza.
Igihugu dushima cyane
Abo cyareze ni ibihumbi
Natwe ubu turi ku ibere
Kizaturerera n'ubuvivi
Kizahora gitanga umunezero.

Gitanga uburezi bufite ireme
Abonse ibere ry'uyu mubyeyi
Akababaha impamba ya kibyeyi
Babuze ibihembo akwiye
Bamwita umurage utunganye.

Umurage nyarwanda udutoza
ibyiza
Wanga urwango ndetse n'ibiza
Ahubwo ukunda umubano mwiza
Ukaduhuza na data mwiza
Mu gihugu cy'u Rwanda kiduhuza.

Umurage wuje urukundo rwinshi
Uduhuza na Yesu inshuti ya benshi
N'ibyo yaremye bihuza benshi
Wa mutungo dukunda abenshi
Umwe duhuriyeho turi benshi.

Ingoro ndangamurage nyarwanda
Ni umutungo rusange wacu
Harimo ibikoresho ndangamurage
Amacumu, imiheto n'imyambi
N'ibikoresho gakondo byinshi.
Umurage utangwa n'igihugu cyacu
Udutoza ibi kubirinda neza
Tukabyubaha iteka ryose
Tukabyitaho turi benshi
Bikarushaho gutunga benshi.

Izi ngoro ziduhunda ibyiza
Tuzubahe kandi tuzirinde
Amateka tuyasigasire
Isuku irangwe muri izo ngoro
Bizahesha ishema igihugu cyacu.

Dore amahirwe yaradusanze
Asanga natwe dufite inyota
Dusoma intango turacurura

None twemaraye gitore
Mu ngoro ndangamurage z'u
Rwanda.

Iyo ukunze ingoro ndangamurage
Uba wubashye igihugu cyawe
Ndetse na muntu wazihangiwe
Ngo azirinde iteka ryose
Zimwibutse amateka
ubuziraherezo.

Dufatanye ubumwe twubake
amahoro
Tureke kwangiza dusenya
amahoro
Maze abangiza izo ngoro
ndangamurage
Tubahwiture tubacyahe
Batugarukire bubake amahoro.

Abarezi beza b'amashuri yacu
Ntibahwema kutwigisha uruhare
rwazo
Mu gusigasira umuco nyarwanda
No kuwumenyekanisha hose
Igihugu cyacu ngo cyogere.

Ingoro ndangamurage z'u Rwanda
Ni kimwe mu bintu bidufasha
Mu gusigasira umurage
nyarwanda
No kuwumenyekanisha hose
Tuziteho kandi tuzisigasire.

Abanyarwanda twese
Abana, ababyeyi n'abarezi
Abihayimana ndetse n'abandi
Dufatanye gusigasira izo ngoro
Zisigasira umurage nyarwanda.

Reka nkurate ngoro
ndangamurage
Reka nkurate ngoro z'u Rwanda
Reka ndate uruhare rwawe
Reka nkuratire abatakuzi
Reka nkurate umunsi wire.
Kutakumenya si uguhirwa
Kutakumenya ni ugucibwa
Kutagusura bisa no guhezwa
Kutakugana ni uguhomba
Kutakurata ni ubugwari.

Ngoro z'u Rwanda ni mwe ndata
Ubwenge bwinshi n'amateka
namenye
Ndetse no kumenyekana
k'umurage wacu
Ni wowe bishingiyeho uyu munsi
Mbese utagukunda yakunda iki?

Rwanda ndata gihugu cyacu
Abagutuye turagukunda
Amahoro n'ituze dufite none
Tubikesha umurage wawe
Komeze gusugira, usurwe kandi
usagambe.

**NIYIGIRIMBABAZI Séraphine**

Umurage ndata mu bisigo
Mu majwi meza y'abasizi
Nkuvuga ibyiza duhorana
Mvuga imitako twimitse
N'ingoro zaho zidufasha.

Murage nshima mu Gihugu
Mahoro ndata mu bihozo
Rugero rwemeza abakozi
Rwego rwurira imisozi
Rurabo rwera mu bisage.

Kera habaga abacuzi
Bacura ibyuma n'imihoro
Hakaba kandi n'abasizi
Badusiganurira nyine
Umurage twarazwe na mbere.

Nteruye nigabye mu nganzo
Nkomeze inkumburwa mu nganji
Ngo mvuge wa murage gakondo
Umurage twarazwe na gihanga
Se w'abasekuru b'i Gasabo.

Umurage kimeza waturanze
Isoko isuma idusabanya
Abakuru bizihirwe n'inkindi
Ababigimba ingiro n'ingendo
Ingero bagenderaho mu bandi.

Tugira za ngoro z'amateka
Zifasha abaje n'abarutuye
Kumenya byinshi muri rubanda
No gusobanukirwa amateka
N'umuco mwiza
w'Abanyarwanda.

Mboneje iriya aho mu Rukari
Menya iby'umwami n'umwamikazi
Hafite byinshi byo mu matongo
N'ibikoresho by'ingeri zose
Bifasha imyemerere ya kera.

Manuka noneho ugere i Huye
Uhabone ya ngoro y'amateka
Uhabone byinshi binayitatse
N'ibikoresho bimwe nkubwira
Umenye ubukoroni na ba
nyirabwo.

Izo ngoro zubatse irya no hino
Amatsiko yose ashira uzisuye
Zifite umwihariko bagenzi
Zivuga byinshi ku Banyarwanda
N'umuco wacu ziwusigasiye.

Hari na ya ngoro nyaburanga
Kuko iyo yihariye ubuhanga
Igira uburanga bukayiranga
Ifite igisenge cy'ubusitani
N'imiti ivura barayihinga!

Abo bakurambere ba kera
Badutoje umurage mwiza
Tukanasangira nk'ibisanzwe
Tukawusanganiza imisango
Abasizi abivuga bagahimba.

Ibyo bidukumbuza umuco wacu
Tuwumenyesha n'abatawuzi
Ubungabungwe n'abawutunze
Ibisigo byose byo kuwurata
Ababyinnyi bizihiwe iby'iwacu.

Abavuga ibyivugo by'ubuhanga
Abavuza ihembe bakiriza
Amacumu intore zigahamiriza
Abaca umugara umujyo bijyanye
N'abacuranga umurya w'inanga.

Mwese muze tugire intego
Abagana ishuri bamenye ibyawo
Dufate ingamba tuvuge ibyacu
Iby'umuco wacu uhora uturanga
Ni wo kirango cy'Abanyarwanda.

Komera Rwanda museke usuma
Utete imitaga itazima izuba
Shibuka abeza bameze neza
Izi ngoro zacu n'umuco byombi
Bibe umutako w'Abanyarwanda.

Umurage isoko idusabanya
Tuyisibure tuyisubire
Ni wo musangiro wadusanze
Ni wo musanganizwamisango
Usugire usabe urwa Gasabo.

**NYIRAHABUHAZI Solange**

Mumpe umwanya ntambe inganzo
Nganze inganzo nganje ntuje
Nshima Imana yahanze u Rwanda
Nshima n'abandi baruhanze
Baruhaye izina ry'ikeza

Umuco wacu ufite imvano
Ubudasa bwawo burahebuje
Washibutse ku giti kiza
Ushinga imizi mu Rwanda umu
Dusoroma imbuto tudasigana.

Gihanga umuhanga mu guhanga
Yaruhanganye izina ryiza Rwanda
Aruraga kwanda rwandana ibyiza
Umurage yaruhaye urasagamba
Ingoro nyarwanda zirarutaha.

Ingoro nyarwanda ni ikirango
Kuko zibitse umuco uturanga
Umurage twarazwe n'abahanga
Umurage twasigiwe na Gihanga
Ubudasa barwo burasagamba

Izo ngoro zacu ni zo mateka
Kuko zisigasiye umuco wacu
Zibitse amateka y'urwacu uru
Abanyamahanga ntibahatangwa
Bagira ubwuzu bwo kuhasura.
Mpere he ko izo ngoro zamamaye
Mu majyepfo iyo mu Rukari
Iwabo w'Umurwa w'abami
Iwabo w'inyambo z'I Bwami
Zikaba ibyuzuzo by'umuco wacu!

Ubu se mveyo ntageze i Mwima
Na Mushirarungu ahazira irungu
Ahari imisezero y'abo bami
Aho baruhukiye batetse kwa Jambo
I jabiro kwa muhorana jabo!

Gutaha biranze ntageze i Huye
Mu ngoro y'imibereho yacu
Mpasanze amateka y'abatubanjirije
Imibereho n'ubutwari bwabaranze
Isoko yo kwigira kwacu.

Amateka yose urayahasanga
Ingoma ya cyami tubwirwa
Kurasa intego no kumasha
Kwa gutera ntiduterwe
U Rwanda rugahora rwemye.

Impuzu inkanda n'ishabure
Impu n'inkindi z'abakomeye
Intonga intango n'ibiseke
Ibyansi n'ibijyanye n'amata
Bitatse mu ngoro y'i Huye.

Ingoro y'ubugeni n'ubuhanzi
Duhanga ibihangano by'umuco
Ingoro y'ibidukikije nyarwanda
Ingoro yo kwigira kw'Abanyarwanda
Ni ikuzo mu kumenya u Rwanda.

Kuba ari heza byo birasanzwe
Kuko habitse umurage wacu
N'ubudasa bwacu bunyarwanda
Umurage ukwiye twarazwe
Ari wo kirango cy'Abanyarwanda.

Amateka yacu yose si meza
Ingoro yo kurwanya jenoside
N'iy'urugamba rwo kwibohora
Zibumbatiye amateka yacu
Mu kubaka ubunyarwanda.

Ubupfura buranga Abanyarwanda
Bwabaranze kuva ruhangwa
Babana neza batabarana
Bahana inka n'abageni
Basakuzanya bagaca imigani.

Ingoro nyarwanda zirakwiye
Zitabweho zihabwe umwanya
Ni indangamuco nyarwanda
Umuco wacu ni ho tuwuvoma
Abatawuzi bakazisura.

Kuzisura si iby'abanyamahanga
Kuko ni twe zagenewe
Twe abana b'u Rwanda turukeze
Turukeshe turukesha ibyiza
Igihugu cyacu gisagambe.

Umurage wacu nusagambe
Nuganze uhore ku isonga
Ingoro zacu ziwuririmbe
U Rwanda ruhore Rwanda
Ruhore imbere mu ruhando.

Nusagambe iyo mu mahanga
Nusagambe aha mu mashuri
Nusagambe mu barutuye
Nusagambe kuko urabikwiye
U Rwanda rwamamare hose.

Babyeyi mwatubyaye mukadukuza
Bayobozi beza mwatubereye abahuza
Rubyiruko muraganje nta kabuza
Duhagarare dushikame twemye
Turengere uyu muco uhore wemye.

Dusure ingoro ziwusigasiye
Zidufasha kuwumenyekanisha hose.
Gera i Huye ugere i Nyanza
Sura iziri i Kigali mu murwa
Zitubere umurage udasaza.

**SEZERANO Ruth.**

Munyemerere njye mu nganzo
Kandi ntinde gato mu nganzo
Mbanze nsiganuze iyi ngingo
Mu ngoro ndangamurage z'u Rwanda
Mvuge uruhare rwazo

Mu gusigasira umurage nyarwanda.
Ingoro ndangamurage mwumva,
Nayisanzemo ibya Gihanga
Wahanze u Rwanda turahuguka
Nsangamo iby'umuco nyarwanda

Negera abacurabwenge baho ngo nsobanukirwe.
Nje nsiganuza n'ubwo ndi kanzinya,
Imvugo yanjye irasa na bike, nsanze imisaya
Isaritse ibisage by'abasizi basomye ku ntango
Ingenzi ku ngoro ndangamurage z'u Rwanda

Mu gusigasira no kumenyekanisha umurage
Ndagira nti: "Yewe Rutebutsa
Ntebukiriza iyo nganji ejo
Ntazaza nkaganzwa n'imico y'amahanga
Ngata ishema ishyano rikangwirira

Nkaba  nirengagije umuco nyarwanda. "
Ni ko kunsobanurira bagira bati:
« Ni umurage mu mateka ya bene kanyarwanda
Ni umurage mu ndangagaciro na kirazira zacu
Ni umurage dusangamo umuco wacu

Ni umurage dusangamo ururimi ruduhuje. »
Ndavuga uwo murage mwiza
Wakusanyirijwe mu ngoro ndangamurage
Uwo nabwiwe ngatozwa na bene kanyarwanda
Uwo umpesha ishema iyo mu mahanga

Umurage mwiza narazwe nzaraga abanjye
Nahoze nganira na ba bakambwe
Bati: "Mwana wanjye icara uce akabogi
Ngutume uzantumikire
Ndabona umuco ucumbeka

Ngo urubyiruko rumwe ntirubikozwa".
Untumikire cyane iyo udacika
Yemwe rubyiruko musigeho mwoye
Kurangamira iterambere gusa
Musigeho icyo gihango nyarwanda

Ukure ujye imbere mwana w'Umunyarwanda
Rubyiruko ko mubona isha itamba
Mugata n'uro mwari mwambaye
Aho ntutemba utambirira umuco
Umuco waguhanze wakuranze ikivuka

Bya birezi n'imbuto uzabitoza n'iki?
Nyubakira u Rwanda,
U Rwanda rw'ejo hazaza hifuzwa.
U Rwanda rwatojwe n'intore z'umuco
U Rwanda rwiza ruzira umugayo

U Rwanda ruhanga amahanga agahangarwa.
Sigasira ibyagezweho
Umuco nyarwanda usagambe
Amahanga awurangamire igihe cyose
Asura za ngoro ndangamurage

Dore ko zikurura ba mukerarugendo.
Uhageze wese arakarererwa
Akahakura byinshi simbabeshya
Hararirwa hakiranga
Hahanzwe n'abahanga

Bamwe bahanwe na Rurema.
Abaranga baho, bakazira gusubiza inyuma
Uje abasanga n'ubasuye
Bakamusanganiza ubususuruke
Ubusambo barazirana na bwo rwose.

Ingoro ndangamurage ni nk'umuseke ususurutse
Ususurutsa uwaje awusanga
Ugasangamo ibya Gihanga
N'ibya gakondo by'umuco wacu.
Izo ngoro twigiramo byinshi

Harimo imyambaro zinyura benshi,
Abahanga mu busizi nyarwanda b'indangamirwa
Abasaza batoza byinshi byatuyobera
Intore zihamiriza gitore
Ingabo n'amacumu byazo

Bikadukumbuza umuco gakondo.
Uzahasanga ndetse n'inyambo
Aho ku gicumbi cy'umuco wacu,
Ndetse n'itorero nyarwanda
Hamwe n'abitangiye kucyagura

Ibigwi byabo bikabaranga.
Banyarwanda namwe Banyarwandakazi
Mureke mbakumbuze umuco wacu
Hato mutava aho muwutatira
Munyarukire muri izo ngoro

Murusheho kuhavoma ubumenyi bwinshi.
Munyemerere nsubikire aha ngaha
Kuko kyavuga si ukuyamara
Muzanzirikane n'ubutaha
Dusubukure inganzo yacu.

Reka nsige nsoza ritandengeraho
Ntaba inganzwa ndi rutaganzwa
Maze ubutaha dusubukure
Iby'ingoro ndangamurage z'u
Rwanda.

95. Yari umusizi usiga
Bagasigara basiganuza urusobe
rw'ibisigo
Nkaba rugaragara ku rugamba
rwa Seshabure
Nkaba umujene w'umuhanzi.

**UMUGWANEZA Sylvie**

Muntege amatwi mbabwire
Mbavire imuzi n'imuzingo
Mbature iyi nganzo
Iganze iture isagambe
N'abazadukomokaho bazayisange.

Reka mbaratire ubwo butunzi
Mbasogongeho bikwiye
Iryo taba rizira itongo
Iyo ntaho igira icyanzu
Inganzo iganje ubumuntu.

Ndavuga ingoro ndangamurage
Igicumbi gicumbikiye umuco wacu
Isoko y'uburere bwiza
Ishuri ryuje ubuhanga
Umurage mwiza w'Abanyarwanda.

Icyansi sinari kukibona
Igisabo n'inkongoro sinakubwira
Umutozo n'inzindaro sinabara
Umuce, inkanda n'amacumu
Uruhimbi rwo ndifashe.

Amateka y'ibwami narayamenye
Mu buhanzi gakondo ubu ndi intyoza
Impu n'impuzu narabibonye
Ishabure n'inkanda narabyeretswe
Ibyo byose ni wowe mbikesha.

Ntitwacukuye ngo ducukumbure
Ntitwaryamye ngo turote
Ntitwasenze ngo twerekwe
Ni wowe nzira tunyura
Tukaronka indangagaciro zidukwiye.

Inyambo tuzisanga iwawe
Inkuku zikagishirizwa mu rwawe
Ayera agahora avuzwa umutozo
Ikimuri kigakurira mu rwabya
N'abato tukamenya ibyo hambere.

Ubitse byinshi by'ingenzi
Ubumbatiye amateka yaturanze
Uri ubukungu bw'u Rwanda
Uzwi henshi na benshi
N'abatakuzi barakubwirwa.

Wahuruje n'ab'imahanga
Basangizwa iby'i Rwanda
Basogongera ku bumenyi utanga
Bashira inyota bari bafite
Kubera wowe riba ridakama.

Mu bugeni ntiwatanzwe
Inkangara zibarizwa iwawe
Ibiseke bigacumbikirwa nawe
Ibihangano byiza by'abacu
Bigataka ubwiza bw'iwacu.

Uri umurezi ubereye urwacu
Uwo wigishije ntiyibagirwa
Ibyo ubitse ntibisaza
Amasekuruza yose azabihasanga
Atere imboni umwihariko wacu.

Erega si amashyengo
Ibibondo ubitoza gitwari
Bigatuza bikagira urugwiro
Bikiga bigatanga umusanzu
Urwa Gasabo rugatemba itoto.

Ususurutsa uwatinyutse kugusanga
Ukayungurura ibishaka kutuyobya
Ngo tutibagirwa aho twavuye
Ejo tukayoberwa aho tujya
Icyerekezo kiduhuza kigakendera.

N'ibidukikije ntiwabisize inyuma
Ibiti byiza by'inganzamarumbo
Bihuha akayaga k'amahumbezi
Karuhura uwarushye wese
Uwabisuye agataha yishimye.

Ni wowe ukingurira ukugannye
Ushaka kuruhuka aragusanga
Uhanga udushya akaboneraho
Uwiga akarushaho kumenya
Uwakunyuze imbere ntaba icyomanzi.

Ibyo mvuga si ukubeshya
Ubihakana azahinyuze azisure
Azasanga byinshi atari azi
Azabaza kandi asobanukirwe
Azunguka byinshi byiza.

Ndabona amasaha agiye
Ariko inganzo nta ho igiye
Ubutaha nzayisubukura
Ingoro ndangamurage zirambe
Ishema ryacu ryogere hose.

**UZAYISENGA Sophie**

## UMUSOZO

Inteko y'Uumuco ikomeje ibikorwa by'ubukangurambaga ku mikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda no guteza imbere ubuhanzi bwimakaza umuco n'umurage by'u Rwanda, hakoreshejwe ururimi rw'Ikinyarwanda.

Mu bikorwa Inteko y'Umuco ikora, harimo gutegura amarushanwa y'ubuhanzi bw'ubwanditsi ku Kinyarwanda no mu Kinyarwanda mu ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo. Ni muri urwo rwego hateguwe amarushanwa y'ubuhanzi bw'imivugo mu mashuri yisumbuye, agamije kubungabunga ururimi kavukire rw'Ikinyarwanda no kurukoresha mu gutanga no gutambutsa ubutumwa bukangurira Abanyarwanda kugira uruhare mu gusigasira no kumenyekanisha umurage w'u Rwanda harimo ingoro ndangamurage zibanzweho mu bihangano bikubiye muri iki gitabo.

Mu Gihugu hose hari Ingoro ndangamurage 8 ziherereye mu Turere 7ari two: Nyarugenge, Gasabo, Kicukiro, Nyanza, Huye, Karongi ndetse na Gicumbi. Imicungire y'izo ngoro ikaba iri mu nshingano y'Inteko y'Umuco.

Mu Ntara y'Amajyepfo, mu karere ka Huye, hari **Ingoro y'Umurage w'Amateka y'Imibereho y'Abanyarwanda**. Ni yo ngoro yafunguwe mbere y'izindi ku wa 18/09/1989, icyo gihe yitwa "Inzu Ndangamurage y' u Rwanda". Muri iyo ntara kandi, mu Karere ka Nyanza, hari **Ingoro y'Abami** itanga ishusho isesenguye y'imiterere y'ubutegetsi bwa cyami ndetse n'imikurirweho yabwo mu ntangiriro ya za 1960 bikozwe n'abakoroni, ndetse n'**Ingoro Ndangamurage yo Kwigira** imuritsemo ibijyanye no "kwishakamo ibisubizo" nk'imwe mu ngamba ndetse n'ibisubizo Igihugu cyiyubatsemo mu guteza imbere ubukungu, imibereho y'Abanyarwanda no kubaka amahoro nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

Mu mujyi wa Kigali, hari ingoro ndangamurage eshatu. **Ingoro y'Umurage yitiriwe Kandt**, iherereye mu Karere ka Nyarugenge, hambere ikaba yari izwi nk'ingoro ndangamurage y'Amateka Kamere nyuma, ku itariki ya 17 Ukuboza 2017, iryo zina ryaje guhinduka Ingoro y'Umurage yitiriwe Kandt. **Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo Guhagarika Jenoside** iherereye mu Karere ka Gasabo, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, ikaba yarafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame ku itariki ya 13 Ukuboza 2017. Mu Karere ka Kicukiro ho hari **Ingoro y'Ubuhanzi n'Ubugeni**.

Izindi ngoro ndangamurage ni **Ingoro y'Umurage w'Ibidukikije** yafunguye imiryango tariki ya 16 Nyakanga 2015, ikaba iherereye ku kiyaga cya Kivu, I Karongi mu Ntara y'Uburengerazuba. Mu Karere ka Gicumbi, mu Ntara y'Amajyaruguru, hakaba hari **Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo Kubohora Igihugu**, ikaba ari ingoro imuritsemo amateka y'Urugamba rwo kubohora u Rwanda izwi nko ku "Umulindi w'Intwari"

Inteko y'Umuco irashishikariza Abanyarwanda gusura izo ngoro ndangamurage bityo bakamenya amateka n'umurage by'u Rwanda bimuritse muri izo ngoro zitandukanye aho buri ngoro igiye ifite umwihariko ku bijyanye n'indemo y'ibimuritsemo. Ubutumwa buri mu bihangano by'imivugo bikubiye muri iki gitabo bukaba bwagiye buzigarukaho.

**INTEKO Y'UMUCO**
Huye, SH1 RD2
Agasanduku k'Iposita: 630 Butare
Inteko y'Umuco